

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUREZI

IBIRO BIKURU BY'UBUSHAKASHATSI
BW'UBUHANGA MU BYO KWIGISHA

GUSOMA

3



UMWAKA WA GATATU

Ibiro by'Integanyanyigisho z'Amashuri Abanza
N'iz'Amashuri Agamije Amajyambere y'Imyuga

Ukwakira, 2000

Financement unicef



BYANDIKIWE MURI REJI Y'ICAPIRO RY'AMASHURI
B.P. 1347 KIGALI

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISTÈRE Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE

IBIRO BIKURU BY'UBUSHAKASHATSI

BW' UBUNYAMA MU BYO KWIGISHA

GUSOMA 3

UMWAKA WA GATU

Ibire by'Integanyanyigisho z'Amashuri Abanza
n'iz'Amashuri Agamije Amajambere y'Imyuga

Nzezi, 1982.

ILIBULIRO

Tumaze imyaka ibili twiga kwandika no gusoma. Mu mwaka wa mbere, twize inyuguti z'ishingiro tumenya kwandika no gusoma amagambo n'interuro ngufi nyinshi. Mu mwaka wa kabili twize ibihokane byinshi turabimenya, bituma dushobora kwandika no gusoma amagambo menshi kurushaho ndetse n'imyandiko irambuye, nk'udukuru, imigani n'ibindi bishimishije. Ni no muli uwo mwaka twize inyuguti nkuru.

Nyamara hali ibihokane bimwe tubona mu myandiko duhura na yo, mu binyamateka cyangwa ibindi bitabo, tugasanga tutarabyiga. Uyu mwaka rero tuziga ibyo bihokane kuko ali ngombwa kubimenya kugira ngo tumenye kwandika no gusoma amagambo yose yo mu Kinyarwanda. Ni cyo gituma tuzabanza kwiga ibyo bihokane ; bigizwe kenshi n'inyuguti nyinshi nubwo bidakunda kuboneka mu magambo dukoresha. Tuzihatira no kunonosora umukono wacu.

Nanone dusanga kwandika vuba no gusoma tudategwa cyangwa tutajijinganya tutarabigeraho rwose. Kubigeraho biza-komezza kuba intego yacu muli uyu mwaka dutangiye. Imyandiko ili muli iki gitabo izabidufashamo. Ni imyandiko miremire, ndetse myinshi ni imigani ishimishije. Nituyumva neza izatwigisha byinshi : izatumenyereza gusoma neza kandi vuba, tuzunguka amagambo menshi maze tumenye kurushaho urulimi n'umuco byacu kandi tubikunde. Bityo umwaka uzarangire tujijutse kurushaho.

Nababwira iki ! Ubwenge burarahurwa ga !

Ibiro by'Integanyanyigisho z'Amashuli abanza
n'iz'Amashuli agamije Amajyambere y'Imyuga.
Kigali, Nzeli 1982.

Droits de reproduction, de traduction et d'adaptation réservés pour tous pays.

La loi du 11 mars 1957 n'autorisant, aux termes des alinéas 2 et 3 de l'article 41, d'une part, que les « copies ou reproductions strictement réservées à l'usage privé du copiste et non destinées à une utilisation collective » et, d'autre part, que les « analyses et les courtes citations dans un but d'exemple ou d'illustration », toute représentation ou reproduction intégrale ou partielle, faite sans le consentement de l'auteur ou de ses ayants droit ou ayants cause, est illicite (alinéa 1^{er} de l'article 40). Cette représentation ou reproduction, par quelque procédé que ce soit, constituerait donc une contrefaçon sanctionnée par les articles 425 et suivants du Code pénal.

**IGICE CYA MBERE
IBIHEKANE BISHYA**

Gusetswa



kwat**swa**
kubyut**swa**
gucut**swa**

Ese uliya mukobwa arasetswa n'iki ?
Ejo nzabyutswa n'inkoko za mbere.
Reka uwo muliro watswe na Ngoga
ni we ubishoboye.
Inkono zotswa n'ishinge cyangwa ibisheshe.

Guhagurutswa



kot**swa**
weret**swa**
kurut**swa**

Zubazwa duhagurutswa umwe umwe.
Amafaranga abitswa mu isanduku yo
kuzigama.
Muhinge aho mweretswe nimuhamara
mutahe.
Witonde ntiwotswe n'amamesa
ukaranga.

Umwishywa



kabishywe

kurushywa

ishywa

senyamwishywa

Umwishywa ni icyatsi kirandaranda.

Kabishywe ahanwe arakubagana.

Ararushywa n'ubusa arakererwa.

Igicuma kikilimo ishywa kibishya inzoga.

Gushyushywa



bishywa

kubishywa

kubiyoshywa

gushyushywa

kubiyubushywa

Abana ba mushiki wanjye ni bishywa banjye.

Utagenze abeshywa byinshi.


Inyama zilyoshywa no kurungwa.

Amazi yo koga arashyushywa ate ko nta nkwi zihali?

Uruhinja rubyubushywa no kwitabwaho.

Inshyushyu

nshya
nshyikira
nshyure



Abana benshi bakunda inshyushyu.
Inshyamuro ibagara ibishyimbo n'amasaka.
Buli mwaka ntangirana ishuli ishati nshya.
Nshyilira izo nshinge ku meza.
Banshyiliyemo isosi.

Inshyimbo



inshyomoke
nshyushye
nshyira
nshyuro

Nshimirimana yishingikiliye inshyimbo.
Nshyuhiliza amazi nikande.
Munyanshongore ni inshyomoke.
Numwise iyo nkuru nshyira nzira.
Unshyulire za hene.

Injwili

kwanjwa
gukanjwa
Nyanjwenge



Nyanjwenge afite umusatsi w'injwili.
Urutoki rwa Kajangwe rwakanjwe n'imashini isya.
Aranjwa ngo arabyina.

Gushinjwa




amanjwe
gukanjakanjwa
kwinjwa

Arashinjwa ubujura.
Iyo atinjwa ntibyali kumenywa.
Biliya bisheke ntibyakankanjwe neza.

gusi **bywa**
guha **bywa**
guse **bywa**



Impinja zikarabywa ku gasusuruko na nimugoroba.
Abanyeshuli baturuka kure basibywa kenshi n'imvura.
Ubukene buzahabywa n'ubwenge n'amaboko yacu.



kujijubya
guhebywa
guhabywa

Abagenzi baryobya n'ababaryobora nabi.
Kujijubya n'urubyarwo bitera agahinda.
Ubujiji buhabywa no kwiga.

Impwempwe

umpwiture
simpwema
mpwere



Abagabo bose ntibagira impwempwe.
Umpwiture nindangara.
Simpwema kubahatira kwiga.
Ibyo ari byo byose, simpwanye na we.

Simpwihwisa



mpwanyije
arampwereza
mpwanya

Simpwihwisa icyo mwigaga ukuli.
Yankubise arampwereza.
Wasanze mpwanyije na nde amanota?

Nshwekure



yanshwaratuye
nshwiragire

Reka nshwekure ntakererwa.
Yanshwaratuye ndamukubita.
Wa murwayi wanjye yaranshwiragije.

Yanshwanyaguliye



nshwashwanze
nshwishuje

Ntirushwa yanshwanyaguliye igitabo.
Nshwashwanze nirubakire inzu ya
kijyambere.
Kabera yali yanymereye none
yanshwishuje.

Kurembywa



azahombywa
kuvumbywa

Semahe yageze aho arembywa n'isindwe.
Imyaka y'aha irumbywa n'ubutaka budafumbiye.

Guhombywa



arembywa
kurumbywa

Mu bucuruzi hali abahombywa no
kutamenya kubara.
Ibishyamba bye byali byiza biza
kurumbywa n'izuba.


Igufwa

igifwera
kigufwa
gufwilira



Imbwa ziguguna amagufwa.
Urwaye amacwa arafwilira.
Kigufwa atinya igifwera.

Igifwera




igifwana
gafwero
amagufwa

Kuli ibyo koma hali igifwera.
Za ibyo gufwa nguhe indi nyama.
Gafwero arwaye igifwana.

Kumvwa

yumvwa
bumvwa



Rangurura ijwi wumvwe na bose.
Umuntu wongorera yumvwa na bake.
Iliya mibare izumvwa n'abahanga.

Yumvwa



ndumvwa
azumvwa

Radiyo yumvwa na benshi mu
Rwanda.

Uwadukanye ibitekerezo bishya
yumvwa na bake.

Shaka ijambo byumvwamo ibihokane
bibili.

IGICE CYA KABILI
IMYANDIKO

1. NZAKUNDA KUJYA MU ISHULI



Nzakunda kujya mu ishuli, mpigire ubumenyi bwo gufindura ibyanditswe, bityo mbe mvuye mu mubare w'abatazi gusoma no kwandika. Nzahigira imyuga n'ubundi bukolikoli.

Ningera mu ishuli nzitonda nige nshyizeho umwete. Nzajya nsubiza umwigisha ambajije, nsobanuze ibyo ntumvise. Sinzarangaza bagenzi banjye ngo mbabuze kwiga.

Nimara kumenya gusoma, nziga n'ibindi byinshi : imibare, igifaransa, kurondora ibidukikije no kubisobanukirwaho. Nzahigira kwifata neza, mpigire ikinyabupfura no kubana neza n'abandi. Sinzakuza igihagararo gusa, nzongera ubwenge kandi nihatire kujya mbere. Bityo nzigilira akamaro, nkagilire n'igihugu cyacu.

2. KALIMA NA GAHIGI BAHULIYE MU ISOKO



Kalima – Mbe Gahigi waje kugura iki ?

Gahigi : – Naje guhaha udushyimbo, udushaza, n'utujumba.

Kalima : – Urabe ufite amafaranga menshi !

Gahigi : – Nyakuye he se Kali ?

Kalima : – Uyakuye kuli bwa bunyobwa bwawe.

Gahigi : – Bwararumbye pe !

Kalima : – Ubwo koko murashonje. Nta kavura muheruka ?

Gahigi : – Tugaheruka mu kwezi gushize.

Kalima : – Iwacu ho iragwa, ndetse ibishyimbo ni bikuru.

Gahigi : – Ngiye kubaza igiciro cya biliya, wenda biragulika.

Kalima : – Genda na njye ndatashye.

3. IKINYABUPFURA MU ISHULI



Umunyeshuli warezwe neza usanga anogeye bose, kuko bamusangana ingiro n'imvugo bishimishije. Usanga yubaha abakuru, abana neza n'urungano n'abamugwa mu ntege. Mbese imyifatire ye ali nta makemwa.


Mu ishuli, iyo amaze gusuhuza Mwalimu, amutega amatwi, akumva ibyo amwigisha, maze akayora atyo ubwenge bwinshi. Iyo Mwalimu agize icyo amubaza, amusubizanya icyubahiro, kuko ali umuntu mukuru kandi w'umubyeyi mu ishuli ashinzwe; agakorana umwete ibyo Mwalimu amutegetse.

Alitonda, akaguma mu mwanya bamuhaye, ntabuze bagenzi be gukora icyabazanye, abaganiliza, abakinisha, abakubaganya, abarangaza.

Iyo ali mu bandi ntapfa kuroha ibigambo abonye byose, bitukana, bisebanya cyangwa bitavugirwa mu ruhame n'ubusanzwe, kera bitaga imvugo ya gishumba.

Yishimira kugilira neza bagenzi be, akunga abarakaranyije, ababeshyerana n'abahuguzanya. Iyo arezwe ibinyoma ndetse wenda agahanwa arengana, yiregura nta burakali kandi ntarware inzika; bityo akilinda inabi, dore ko ali yo iteranya abantu, ikabagasenyamiryango.

4. ISUKA



Isuka ni igikoresho cy'ingenzi mu buhinzi. Kuva kera ni yo nkuru mu bikoreho by'Umunyarwanda.


Mu Rwanda hahoze amoko menshi y'amasuka. Abazungu batararwadukamo, ayo moko yavaga mu turere tumwe na tumwe tw'u Rwanda. Bayitiriraga utwo turere. Hali amasuka yaculirwaga i Buramba, ayo akitwa « Amaramba ». Hali ayaculirwaga mu Busanza, ayo akitwa « Amasanza ». Ayaculirwaga mu Kinyaga hafi y'i Bushi, yitwaga « Amashikazi ». Hali n'ayaculirwaga i Gishali (mu Birambo bya Gishali), ayo akitwa « Amanyagishali ». Hali n'utundi dusuka dutoya cyane bita inshyamuro, nyirabunyagwa cyangwa inkonzo, bakoresha batera intabire cyangwa babagara. Na n'ubu turacyakoreshe. Amasuka ya kera yo yasimbuwe n'aya kizungu.

Ayo ya kizungu Abanyarwanda bayahimbye amazina bakulikije ibyapa biyaliho: nka Cyapangona, Cyapamusambi,... Usanga na yo adahwanyije gukomera. Ayo yose yitwa « Rugoli ».

Kera abacuzi b'Abanyarwanda ntibali bafite ibikoresho bihagije. Uko u Rwanda rukomeza kujya mbere, n'abacuzi batewe inkunga, babona ibikoresho bihagije, inganda zikomeye n'impuguke muli uwo mwuga, barushaho kuduculira byinshi.

Isuka ifitiye akamaro kanini u Rwanda n'ibindi bihugu biyikoresha.

5. NGUNDA (Igice cya mbere)



Habayeho umugabo akitwa Ngunda. Uwo mugabo yali icyago, yali ishyano, yali igisahiranda ; uko yalyaga ni nako yahingaga. Yahingaga Rubona yose agakubitaho na Musasu. Iyo ni yo yali isambu ye. Ndetse ngo imisozi y'i Rwanda ni amabimba Ngunda yashingaga. Uwo mugabo yali afite n'imilima ku Nyundo ya Bugoyi.

Arakunyarukira ashaka umugore, akaba umukobwa wa Gacumu. Arongerera ashaka undi, akaba umukobwa wa Mirenge ku Ntenyo. Ashakiraho n'abandi bane, bose bashyika batandatu. Ukuntu yalyaga, nta mugore umwe wajyaga kumubumba.

Umunsi umwe Ngunda alibwira, ati « ngiye kwa databukwe kumuha umubyizi. » Ngunda arakugendera no ku Ntenyo, abwira kwa sebukwe ati « munkwikilire amasuka mirongo itanu nje kubaha umubyizi. » Kwa sebukwe bakaba abakungu, amasuka barayakwikira, barayamuha, ajya guhinga.


Atangilira mu Rugondo, ahinga Ntenyo yose, abilinduka mu Kinyoro kwa Byakuzacumu. Ngunda agakubita isuka hasi kabili, ubwa gatatu akazamura agafuni. Ngunda amara atyo amasuka yose, ntiyasiga n'imwe, abona guhingura. Nuko wa mulima Ngunda ahinze, Mirenge awoherezamo abatezi. Abatezi bakorera kubura hasi no kubura hejuru, balihata cyane aliko ubuhinge burabananira.

Mirenge abibonye ati « uyu muntu waduhingiyeye atya, na twe tumuhembe. » Babaga ingumba kabombo, bashesha amafu, bavomesha amazi yo kuvuga imitsima, benga n'amayoga menshi ndetse n'abaturanyi bazana amazimano.

Inyama zimaze gushya n'imitsima imaze kuvugwa bazana ibidasesa badendezaho inyama ; bazana n'imbehe nyinshi zuzuye umufa ; bakwiza ibibindi by'inzoga mu nzu yose ; amarobe y'imitsima bayuzuzura ibyibo n'amakangara. Byose bamaze kubitunganya, bahamagara umukwe wabo ngo naze afungure. Maze bamuha amazi arakaraba, bamubisa mu nzu aralya.

Muramu we abalira ko amaze kulya, amushyira amazi yo gukaraba. Ngunda amubonye aramubwira ati « jyeho nduzi ko iyi nka nyitonoye, abahungu bayiliye baliye inka ilyoshye ! »

Kwa Mirenge bumvise ilyo jambo barumirwa. Mirenge abwira umugore we ati « dore umukwe wacu ntaho atereye kandi yadukoreye. None tabaranyaga uzane akali gasigaye mumwongere n'izindi nzoga. Jye icyampa ngo yijute ilya none. »



Nuko Ngunda bamushyira ukuguru kwali gusigaye bamuzanira n'inzoga. Koko rero ni ho yali akigera mu mahina yo kulya, agakaraga irobe ly'umutsima akaliyongobeza. Imikarago y'umutsima ikabisikana n'intongo z'inyama n'umufa. Byose akabivundiranya akaroha mu nda. Ngunda akagira umuheha witwa Ruvunabataka ; yaba awukubise mu kibindi cy'inzoga, akagisoma umusa umwe akaba arakonoje.

Nuko amaze kulya arasohoka ; asohoka yimyozza ngo ntacyo aliye. Nyamara ubwo yali amaze ingumba yose wenyine kandi bamuhaye n'ibibindi by'inzoga na byo biguze inka. Byose arabitsembe, agenda abibogekeye mu ibondo limwe. Nuko kwa sebukwe baramuherekeza arataha. Basigara batangalira inda nini ya Ngunda.

6. URUKWAVU N'IGIKONA



Urukwavu rwatonganye n'igikona, rurarakara cyane, rushaka kucyica. Aliko igikona kibibonye gityo, kiligurukira kiragenda. Urukwavu ruti « iki gisiga nagikinishije, mba nacyishe nkaçilya. » Nuko urukwavu rugerageza guhimba ubwenge bwo kuzacyica. Rujya ahirengeye, aho ibikona byakundaga gutora. Ruhageze rubona Sakabaka, rurayibwira ruti « nubona igikona ukinyereke, uti « dore urukwavu rwapfuye. Nanjye ndilyamira nk'intumbi. » Sakabaka irarwemerera.

Muli ako kanya igikona kiraza. Sakabaka ikibonye irakibwira iti « dore urukwavu rwapfuye ngwino tujye kurulya. » Igikona kirempera, kiti « hagi tugende. » Biragenda. Igikona kirarwegera kibwira Sakabaka, kiti « data atarapfa, yambwiye ko iyo urukwavu rwapfuye, rushinga umulizo. None nduzi urunguru rwawura-



mbitse, ni bite ? » Urukwavu rwumvise ayo magambo y'igikona rushinga akalizo. Igikona na cyo kibibonye kiligurukira kiti « sinkiruliye narubonye ni ruzima rwose. » Nuko urukwavu rubura igikona rutyo.

Kurura ugace mukururankoni wa Nkondogoro, ndakurura nkagwa.

7. BAKAME N'IMPYISI



Kera Bakame yacuditse n'impyi, biranywana, birabana bi-shyira kera. Aliko Bakame ikababazwa n'uko impyi iyirusha ubukungu. Bukeye Bakame ibwira impyi iti « reka ducuruze impu, ubukungu bwawe burusheho kwiyongera, ndetse ungulize ibintu byo gutangiza, nzajye nkungukira. » Impyi irabyemera. Bitangira gucuruza impu ; zimaze kugwira, bijya kuzicuruza mu mahanga, inyungu ikabikwa kwa Bakame. Bakame imaze gukunguhara ilirwaza. Bwa bucuruzi burahagarara aliko impyi ntiyabiyitaho.

Hashize iminsi, Bakame irazinduka no kwa Mpyi iti « yemwe abo kwa Mpyi mwaramutseho ! » Impyi iti « bwakeye Baka ! » Bakame ilihangana iralikocora iti « nta miramukire yanjye, baraye baducucuye, badusahuye ntibadusigira na busa. » Ubwo impyi igwa mu kantu, mbese isa n'ikubiswe n'inkuba. Bakame ibonye ko impyi ibuze aho iligitira, irayishukashuka, iyibwira ko izabiyishyura.

Bakame iragenda ifukura icyuzi, yororeramo amafi, amaze gukura ikajya ijya kuroba ayo yilira. Hashize ukwezi impyi ijya kwishyura Bakame ibintu byayo. Bakame iyakira neza, yikoza muni y'urugo iroba amafi cumi iraza irayateka iyavanamo umufa ulyoshye cyane, maze yegereza impyi. Mu mwanya muto impyi iba irakomba imbehe.

Irangije iti « mbese shahu Bakame, ibi bintu bilyoshye bitya, ubikura he ? » Bakame irahaguruka ijya kuyereka icyuzi cyayo iti « ugende ufukure nk'iki, amafi azimezamo. »

Warupyi iyeze imuhira sinakubwira ukuntu yalimbaguye umusozo mu mwanya muto.

Imaze kuyoboramo amazi, itegereza ko amafi yazamo, irahaba. Ni bwo igiye kwa Bakame iyirakaliye cyane. Iyeze yo, Bakame iyisomya ku nkangaza y'akataraboneka. Kwibuka icyali kiyizinduye biragatabwa ! Imaze kulyohereza cyane, iti « mama we ! Ibi se byo wabikuye he ? » Bakame iti « ukagira rwa rutoki rwose, ukabura inzoga y'ubuki ? Hoshi genda utemagure za nsina zose, amakakama azivuyemo uyashyire mu kabindi, amarembo ibyumweru bitatu, maze uzasomeho wiyumvire. » Impyi iragenda ibigenza uko Bakame yayibwiye. Iyumweru bitatu bi-shize, igotomeraho, maze urulimi rurababuka, inkanka zirateguka. Umujinya urayica, ifata umufuka no kwa Bakame ntiyasuhuzwa, ihita igafata igashyira muli wa mufuka, ngo ijye kugaroha mu manga. Iyeze mu nzira yibuka ko yibagiliwe urujigo rwayo kwa Bakame, iratura, isubira inyuma yiruka.

Ingeragere iza kunyura hafi y'uwo mufuka, Bakame iti « uraho Ngeragere ! Iti « uracyabaho Baka ! » Ese urakora iki muli uwo mufuka shahu Baka ? » Bakame iti « ntiwamenya ibyanjye ! Ubu banyize muli iyi ngobyi ngo bajye kunyimika, njye ntegeka utunyamaswa tuli haliya hakulya, ni cyo gituma bagiye bampe-tse ! Nyamara simbishaka, aliko ntibabyumva ! » Ingeragere iti « shyuu ! Ukivutsa umugisha nk'uwo ! Reka nigiremo niba utabishaka ». Bakame ibanza kwangira, nyuma iti « ngaho jyamo aliko na we urampemba ! » Ingeragere ihambura wa mufuka, ivanamo Bakame, maze iwinagamo. Bakame si ukuwukanira irandanangira. Irangije iti « ngiye kuguteguliza. »

Muli ako kanya impyisi iba iraje, ibatura umufuka ngo gili-gili... ! Igeze hilya iti « aliko noneho ko biremereye cyane, iyi nkenya iliye iki ? Ayubusa aliko ndakuroha, dore igihe wambeshyeye ! »

Ingeragere ngo ibyumve iti « reka Mpyisi sindi Bakame ; nshyira hasi nigendere. » Iraboroga cyane aliko impyisi ntibyumve, ahubwo ikayisubiza ngo dore aho wambeshyeye, ubwenge bwawe ndabuzi, umunsi ntarengwa ni uyu ! Iragenda no mu manga ngo pooo ! Ingeragere iniha limwe gusa, igera mu kabinde itakirashya.

Impyisi itaha yizeye ko igiye kwilira ya mafi ya Bakame no kwinywera ya nzoga y'ubuki. Ku mugoroba ntitarabukiyeyo, isanga ka Bakame kidundalitse ku nkombe y'icyuzi cy'amafi yako kararoba.

Bihehe igihinguka aho, Bakame iba yayibonye. Bakame iti « Warupyisi ntunyegere, ntabwo abatarapfa nka we bagomba kwegera abavuye ikuzimu nka njye ! » Impyisi irumirwa igira ngo koko Bakame yazutse, ishya ubwoba itekereje ko wenda ihamyeye aho yapfa, ilirukanka irahunga izinukwa ityo kuzongera kwikoreza Bakame no gucudika na yo.

Nikaba agahahura ukurure ugace, nikaba akanaba muranabana.
Kurura ugace.

8. ISUKU



Isuku ili mu bya mbere bituma umuntu yilinda indwara kuko kugira umwanda, kwiyandalika no kunywa amazi mabi ali byo bitera indwara nyinshi. Abiyuhagira kenshi n'abasukura imyamba, abakubura bagakura ibigunda ku rugo, abacukura imisarane n'ingarani, bene abo baba barwanya indwara nyinshi zifata abantu.

Kugira ngo umuntu agire isuku y'umubili, akwiye kwiyuhagira kenshi mu mutwe, mu maso n'umubili wose. Yilinda kwisiga isabune ahubwo arayiyuhagiza yarangiza akihanaguza igitambaro cyabigenewe. Kwiyuhagira kenshi kandi neza bituma utwenge tuba ku mubili tuzibuka kugira ngo icyuya kinyuremo.

Bamwe bakunda kwisiga amavuta. Kuyisiga umuntu abanje kwiyuhagira cyane binanura ingingo, bikalinda umubili kugira umwera ; aliko nyuma ni ngombwa kwiyuhagiza isabune n'amazi menshi.

Abakozi bamwe, nk'abahinzi, abubatsi, ababaji, abahomyi b'amazu, abakanishi n'abandi bakora imilimo y'amaboko buli munsi bagomba kwiyuhagira umubili wose, bagahindura imyenda kenshi kuko baba babize ibyuya igihe bakora kandi banduye.

Ni ngombwa gukaraba mbere na nyuma yo kulya, kwiyunyuguzi no koza amenyo. Ni ngombwa kandi kugilira isuku imyambaro yacu. Haliho abavuga ko kumesa imyambaro kenshi biyica, abo balibeshya : imyambaro ntibwica no kumeswa ahubwo icibwa n'umwanda kuko iyo imaze igihe kirekire itameswa, ubudodo butangira kubora, wagira ngo urameshe bugacikagulika.

Abakora umulimo wo guteka, abacuruza ibilibwa n'ibinyobwa bagomba kubigirana isuku. Ibikoresho byose, cyane cyane ibikoreshwa ku meza : imbehe, inkoko, amasahane, ibikombe, ibiyiko n'ibindi bigomba guhorana isuku.

Nuko rero mwilinde umwanda, ali ku mubili, ali ku myambaro yanyu, ali mu bikoresho maze muzarebe ukuntu indwara zituruka ku mwanda zicika.

-
- Sakwe ! Sakwe !
 - Soma.
 - Nkubise urushyi rurumira
 - Ibara ly'inka -

9. NYANSHYA NA BABA



Habayeho umugabo n'umugore bakagirana abana babili, umuhungu n'umukobwa. Umuhungu akitwa Baba naho umukobwa akitwa Nyanshya. Bukeye uwo mugabo aza gupfa. Hashize iminsi na wa mugore arapfa. Abana basigara bonyine. Nyanshya na Baba bajya mu ishyamba, bakajya batungwa no gutega utunyononi. Umuhungu ashakira mushiki we akazu mu rutare.

Umuhungu akajya ajya guhiga utunyononi. Umukobwa agasigara aho. Umuhungu akaza nijoro. Yaba atahutse akalilimba ati
*« Nyanshya ya Baba, nyugurulira.
Mwana wa mama nyugurulira.
Nishe akajeje ni akawe na nje.
Nishe agaturo ni akawe na nje.
Nishe agafundi ni akawe na nje.
Akanini kalimo tuzakagabana. »*

Mushiki we ati « baruka rutare Baba yinjire. » Urutare rukaburuka. Akazana utunyoni bakalya, umukobwa yaba afite agafu, akalika, bakalya, bwacya mu gitondo, igihe cyo mu bunyoni, musaza we akabaduka akajya guhiga utunyamaswa two kubatunga. Akica agafundi, akica udukwavu, akica agakware, bwira agataha. Yagera kuli rwa rutare akalilimba,

ati « *Nyanshya ya Baba, nyugurulira.*

Mwana wa mama, nyugurulira.

Nishe akajeje, ni akawe na nyje.

Nishe agakwavu, ni akawe na nyje.

Nishe agafundi, ni akawe na nyje.

Akanini kalimo tuzakagabana. »

Nyanshya ati « baruka rutare Baba yinjire. » Urutare rukaburuka. Musaza we akinjira. Bagateka bakalya. Bwacya mu gitondo agasubira guhiga.

Bukeye haza ikinyamaswa cyitwa Kizimu, cyumviliza ibyo Baba avuga alilimba. Umunsi umwe kigerageza kumwigana. Wa mukobwa ati « ilyo jwi ko atali ilya musaza wanjye ? » Alicecekerera, cya gisimba kiragenda aliko ntibyatinda kiza gushobora kwigana Baba.

Umukobwa ati « baruka rutare Baba yinjire. » Urutare rurakinguka. Abona igipyisi kiraje. Ati « ye data we ! »

– Sogokuru ngukarangire utuyuzi tw'utudegede ?

– Turakakudegeda mu nda.

– Sogokuru ngukarangire utuyuzi tw'impaza ?

– Yego mukaka wanjye. Wa mukobwa afata akungo, akaranga utuyuzi, ati « rero sogokuru, urutaruka rujya hanze, ni urwawe, urutaruka rujya mu mbere ni urwanjye, urujya mu rutara, ni urwa musaza wanjye. » Warupyisi iti « ndabyemeye. » Nuko akaranga za nzuzi. Uruyuzi rumwe rurataruka, rujya hanze. Nyanshya ati « ngurwo urwawe ruragiye. » Cya gipyisi cyiruka kijya hanze. Wa mukobwa ati « fatana rutare. » Urutare rurafatana. Umukobwa aguma aho. Cya gipyisi kiragenda.

Musaza we aza kuza nimugoroba, yongerera guhamagara mushiki we uko asanzwe abigenza. Undi araceceka, agira ubwoba agira ngo ni cya gipyisi kije. Musaza we arongerera arahamagara, mushiki we aza kumva ko ali we. Abwira urutare ati « baruka Baba yinjire. » Urutare rurabaruka. Baba alinjira, asanga Nyanshya yagize ubwoba. Ati « ni bite ? » Undi ati « ndeka, aha haje ikinyamaswa kimpamagara nk'uko usanzwe umpamagara. » Maze nti « baruka rutare Baba yinjire, urutare rurakinguka, mbona hinjiye igisimba. » Ndakibwira nti « Sogokuru, ngukarangire utuyuzi tw'utudegede. » Ngo « turakakudegeda mu nda. » Ngukarangire utuyuzi tw'impaza ? Ngo « yego Mukaka wanjye. » Ndakibwira nti « urujya hanze ni urwawe, urujya mu rutara ni urwa musaza wanjye, urujya mu mbere ni urwanjye. » Noneho uruyuzi rugiye hanze ndakibwira nti « fata. » Cyirukiye hanze mbwira urutare rurafatana. Kimbwira ko nikigaruka kizandya.

Musaza we yilirwa aho, yiliranwa icumu n'umuhoro agira ngo nikigaruka acyice. Aliko cyali cyabumvilije kimenya ko ahali. Agitegereza iminsi itatu nticyaza.

Inzara ibishe ahinduka mushiki we, ati « umenya ali ubwoba bwali bwakwishe. » Nuko ajya guhiga utunyamaswa.

Igihe atarahiguka, cya gipyisi kiragaruka kirongera cyigana Baba. Umukobwa agira ngo ni musaza we, abwira urutare ngo rukinguke. Agiye kubona, abona hinjiye kandi cya kinyamaswa. Ati « ntabwo ibyanjye birarangiyeye. » Akibwiye ngo agikarangire utuyuzi, kiti « ntatwo nshaka. » Giherako kiramulya.

Musaza we aza kuza asanga cya gipyisi cyaliye mushiki we, ahamagaye abura umwitaba. Abwira urutare rurakinguka, alinjira acana mu ziko. Arabutswe mu rusenge rw'urutare ukuguru kwa mushiki we, akeka ko yahagiye kubera ubwoba, aliko akumva amaraso amutonyangira. Arashishoza, asanga ukuguru ali ukwa mushiki we cya gipyisi cyashigaje.

Nuko arara aho, alyama atalyamye, bucya ajya guhorera mushiki we. Amaherezo avumbura cya gipyisi, agiye kucyica, kiti « banza uce aka gatoke ukuremo nyogosenge naliye. Ca n'aka-

ngaka k'ibulyo ukuremo sowanyu naliye. Tema n'iki gikumwe, ukuremo mushiki wawe. » Baba abigenza atyo, agikuramo bene wabo.

Agitera icumu aracyica. Anyaga ibyo kwa cya gipyisi byose, nuko araboneza alitahira, ibyishimo ali byose.

Si jye wahera, hahera Warupyisi.

10. IMPYISI N'IMANA



Impyisi yali hamwe n'izindi nyamaswa, maze irebye umulizo wayo isanga utameze nk'uw'izindi. Ako kanya ifata umugambi wo kuzajya kubaza Imana icyatumye iyiha umulizo mubi kandi udasa n'uw'izindi nyamaswa.

Ilyo joro ntiyasinzira ; bucya yageze ku Mana. Irayibwira, iti « Nyagasani, ntiwambwira impamvu yatumye umpa umulizo utameze nk'iyindi ? Ese wabitewe n'iki ? » Imana irayisubiza iti « nyamara, ndasanga naraguhaye umulizo ugukwiliye. Aliko rero ubwo utawishimiye, ukaba ushaka urutaho, ndabanza nguhe icyo ukora maze nugaruka wagishoboye nguhindulire umulizo nguhe uwo wifuza. »

Impyisi iremera. Maze Imana ishaka igisembe cy'intama, iragifata ikizilika ku gahanga k'iyi mpyisi. Iti « ngaho genda, ntu-

kore kuli iki gisembe uze kukinzanira nimugoroba. » Impyisi iragenda. Impumuro y'icyo gisembe iyitera ipfa. Irenze umusozi wa mbere amerwe aba arayishe. Aliko ilihangana irakomeza. Igeze ku musozi wa kabili, iba itangiye kukiligata. Ku musozi wa gata-tu, amerwe aba arayirembeje itagishoboye kwihangana ; iti « hoshi ! Izina ly'ubupyisi lirakampama ! Urubwa ruruta ububwa. » Ako kanya cya gisembe ikimira bunguli.

Nimugoroba igaruka ku Mana isoni zayishe, yabuze uko yifata. Imana iyibonye iti « cya gisembe kili he ? » Impyisi irasubiza iti « amerwe n'inzara byanyishe, ngiye gupfa ndakilya ! » Imana iti « nuko rero ! Ubwo wakiliye, ntushobore kwihangana ngo ukigarrure, wowe n'izindi mpyisi zose muzahorana iteka umulizo nk'uwo. » Impyisi itaha ityo, ntiyongera kubaza Imana iby'umulizo wayo ; igumana uwo yali isanganywe.

« Iraguha ntimugura. »

11. UMUYAGA N'IZUBA



Umuyaga n'izuba byajyaga bitongana iminsi yose, kimwe kikabwira ikindi ko kikirusha amaboko. Bukeye bibona umuntu wihitira. Umuyaga uti « ngiye kumwambura iliya kanzu ye, nandusha imbaraga wowe ugašhobora kuyimwambura, ndemera ko na we uzindusha. »

Izuba liremera. Umuyaga urahuha cyane, ugerageza kuyimwambura. Wa muntu aherako arayikomeza n'amaboko yombi, yanga kuyirekura.


Hanyuma izuba liracana cyane ; ubushyuhe buramwica, aherako yikuramo ikanzu, ashaka aho igicucu kili agira ngo yikingemo.

Izuba liti « nturuzi rero ko koroshya biruta gukoresha kiboko ? »



« Akagabo gahimba akandi kataraza. »

12. IKIYAGA CYA KIVU



Kivu ni ikiyaga kili hagati y'u Rwanda na Zaire, kandi ibyo bihugu byombi birakigabana. Ni cyo kinini mu biyaga byo mu Rwanda. Uburebure bwacyo bufite kilometero ijana, ubugali bukagira kilometero mirongo inani. Gifite ibirwa byinshi bihingwaho, ndetse bimwe biratuwe. Gikikijwe n'ibisozi birebire. Ibisiza byaho bilimo intoke nyinshi kandi nziza.

Ku nkuka zacyo hali perefegitura eshatu z'u Rwanda : Gisenyi, Kibuye na Cyangugu.

Amazi y'icyo kiyaga alimo amafi ; nta ngona n'imvubu bibamo. Usanga hatamba inyoni nyinshi n'ibisiga cyane cyane imisambi n'inyange.

Ubwiza bw'icyo kiyaga n'ubw'ibisiza n'ibisozi bigikikije, bivana ba mukerarugendo iyo gihera, bakaza kwitegereza no gutangalira ako kataraboneka u Rwanda rurusha ibindi bihugu. Uzabasanga cyane cyane ku Gisenyi no ku Kibuye. Bamwe ngabo muli ayo mazi magali y'urubogobogo, abandi ngabo ku nkombe bafata amafoto, abandi bagandagaje ku musenyi.

« Amazi masabano ntamara inyota. »

13. MVUYE KWA MASENGE



Gahigi na Gahutu baraganira. Gahigi avuye kwa nyirasenge utuye i Kigali none aratekerereza mugenzi we ibyo yabonye. Ageze mu mwaka wa gatanu, na we Gahutu ali mu wa gatatu.

Gahutu : – Uraho Gahi !

Gahigi : – Uraho Gahu !

Gahutu : – Niko se ye ! iwanyu baguhembye iki ?

Gahigi : – Bampembye kuruhukira kwa masenge, i Nyamirambo.

Gahutu : – Mbega Imana ! Ubwo ga wageze i Kigali ! Cyombwira ibyo wahabonye.

Gahigi : – Yewe ! Ni byinshi : amaduka manini apakiye ibintu, amamodoka acicikana, amagare, amapikipiki, amazu agerekeranye, n'andi manini, abantu b'amoko menshi, indege, amasoko akomeye, amatara ku mihanda, n'ibindi.

Gahutu : – Ayo matara yo ku mihanda amara iki ?

Gahigi : – Amwe amulikira abantu nijoro, andi ali mu mahuliro y'imihanda, akayobora imodoka.

Gahutu : – Aho re ! Ngo ayobora imodoka ? Aravuga ?